Plate Forme de la Société Civile Rwandaise

Personnalité Civile AM n°72/11 du 19/11/2007 publié dans OG n° 27 du 06 07 2009
B.P 6333 Kigali
Tél : 55 10 25 13
E-mail: rwandacsplatform@gmail.com

AMATORA Y'INZEGO Z'IBANZE

Taliki ya 04 Gashyantare 2011 mu Rwanda hose hakozwe amatora y'inzego z'ibanze

Iki gikorwa kikaba cyaritabiriwe n'abaturage ku buryo bushimishije nkuko byagaragaye ku masite y'itora ndetse binatangazwa na President wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Prof. Karangwa Chrysologue.

Mu midugugu itandukanye, indorerezi za Sosiyete Sivile zanyarukiyemo nazo zemeje ko amatora y'inzego z'ibanze yagenze neza, aha twavuga nko mu midugugudu yo mu Mujyi wa Kigali irimo nk'Akagari ka Kiyovu, Umurenge wa Nyarugenge, ahanatoreye Minisitiri w'Intebe, Bernard Makuza watangaje ko akurikije uburyo abaturage bitabiriye amatora y'inzego z'Ibanze ngo asanga Abanyarwanda bamaze kugira ubukure muri demokarasi. Aha yagaragaje ko Demokarasi imaze gushinga imizi kandi bikagaragazwa n'amatora arangwa n'ituze akorwa mu mucyo kandi buri wese abyishimiye, bitandukanye n'ibyabaga mu Rwanda mbere, aho bavugaga amatora abantu bagatangira gutitira.

Nubwo amatora yitabiriwe ku gipimo kiri hejuru ya 90% nkuko byatangajwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hagiye hanagaragara imbogamizi muri aya matora y'Inzego z'Ibanze nko gukererwa kw'abaturage mu kuza gutora cyane cyane mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Amajyepfo bitewe n'imirimo itandukanye Abaturagge babaga babanje kubyukiramo.

Mu bindi byabangamiye aya matora ni ikibazo cy'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye na za Kaminuza wasangaga birundira ku mukandida bashaka kandi batamuzi bigatuma abaturage banga kujya ku mirongo nkuko byagaragaye mu Karere ka Nyanza mu Kagali ka Gihisi no mu Karere ka Gasabo mu Murenge wa Kimironko mu Midugudu igize Akagali ka Nyagatovu ahatoreye Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru Nderabarezi rya KIE.

Ku ya 13 Gashyantare 2011, aya matora y'inzego z'ibanze yakomereje mu tugali hatorwa abahagarariye abagize Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Tugari ,aya matora nkuko byagaragaye mu gihugu hose, ntabwo yitabiriwe nkuko byari byitezwe kuko abagombaga gutora (abagore) harimo aho babuze ahandi baza bakererewe , aho kuza saa saba ku isaha yari yateganyijwe bahagera hejuru ya saa cyenda z'umugoroba bituma aya matora yimurirwa ku munsi wakurikiyeho nkuko byagiye bitangazwa n'umunyamabanga wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Bwana Charles Munyaneza. Ibi byagaragaye mu tugali tumwe na tumwe nka Nyamagana , mu Karere ka Ruhango, Gahogo mu Karere ka Muhanga n'ahandi.

Naho amatora yabaye ku wa 17 na 19 Gashyantare 2011 yo mu rwego rw'imirenge y'abagize Biro z'Imirenge, Komite z'amashyirahamwe n'impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rw'imirenge, abahagarariye Abagore mu Nama Njyanama y'Umurenge bangana nibura na 30% y'abagomba kugira Inama Njyanama z'imirenge n'abahagarariye ibyiciro byihariye mu nama Njyanama z'Imirenge yose yagenze neza ndetse anishimirwa n'abakanndida bari bagiye biyamamaza muri ibyo byiciro.

Muri rusange, Sociyete Sivile iratangaza ko amatora yo mu nzego z'ibanze yagenze neza kandi akorwa mu mucyo.

Icyitonderwa :
Iyi nyandiko yakozwe ku bufatanye n'Umushinga wa CSEOM/ Plate Forme ya Sisiyete Sivile y'u Rwanda

Plate Forme de la Société Civile Rwandaise

Personnalité Civile AM n°72/11 du 19/11/2007 publié dans OG n° 27 du 06 07 2009
B.P 6333 Kigali
Tél : 55 10 25 13
E-mail: rwandacsplatform@gmail.com

Amatora y'Abajyanama mu nama Njyanama z'Uturere yakorewe mu Mirenge yose

Taliki ya 21 Gashyantare 2011, mu gihugu hose hakozwe amatora y'Abajyanama rusange n'Abakandida b'Abagore mu nama Njyanama z'Uturere atorerwa mu mirenge yose, amatora yaranzwe n'ishyaka rikomeye ry'Abakandida bahataniraga imyanya.
Ku ruhande rw'Abaturage, barayitabiriye ariko ugasanga batayaha agaciro nkako bahaga amatora yo mu nzego z'ibanze, bitewe nuko bamwe mu bakandida bari biyamamaje bakuyemo candidature zabo ku munsi w'itora , urugero nk'uwari Umuyobozi ucyuye igihe mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, Madame Nyirahonora Theophile wari wiyamamarije mu Murenge wa Nyakabanda, mu Karere ka Nyarugenge. Ibi byanagaragaye mu turere tw'Intara y'Iburasirazuba nko muri Ngoma, Kirehe, muri Gatsibo by'umwihariko ho abagera kuri 5 bakuyemo candidature zabo, i Nyagatare ahagaragaye bane.

Usibye kuba hari abakuyemo candidature zabo muri aya matora hari n'abasabwe kuzikuramo nkuko bagiye babitangariza itangazamakuru, urugero ni nk'uwitwa Kayumba Kazimiri wari wiyamamarije mu Murenge wa Ndera mu Karere ka Gasabo no mu Ntara y'Amajyepfo mu turere dutandukanye.

Muri aya matora hanagaragaye ubujura mu Karere ka Nyagatare mu Murenge wa RUKOMO na Rwimiyaga ahagaragaye abaseseri ba Komisiyo y'igihugu y'amatora bafashwe batorera abaturage.

Aya matora ya njyanama z'uturere, usanga nta gishya cyagaragaye mu bahataniraga kuyobora uturere kuko abenshi mubatorewe kuyobora uturere ari abatuyoboraga

mbere, abandi ugasanga ari ababaga muri njyanama z'utwo turere yaba mu Ntara y'Iburasirazuba, Amajyaruguru, Amajyepfo, Uburengerazuba n'Umujyi wa Kigali.

Ku ruhande rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, President wayo Prof. KARANGWA Chrysologue yatangaje ku wa 26 Gashyantare 2011 ko ayo matora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere ko yagenze neza anahakana ko nta bakandida bategetswe gukuramo candidature zabo nkuko byagiye bivugwa na bamwe mu bari biyamamaje.

Kuwa 28 Gashyantara 2011, nibwo habaye kuraharira kw'Abayobozi bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali iyobowe na Fidele Ndayisaba. Aha President wa Republika, Paul Kagame wari witabiriye uwo muhango akaba yarasabye abayobozi bose batowe kuzakora akazi kabo baharanira inyungu z'Abaturage babagiriye ikizere.

Aya matora akaba yarasojwe n'amatora y'ibyiciro by'ihariye ku rwego rw'igihugu birimo Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, Komite Nyobozi y'Amashyirahamwe n'Impuzamashyirahamwe y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'igihugu na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu.

Icyitonderwa :
Iyi nyandiko yakozwe k'ubufatanye n'Umushinga wa CSEOM/ Plate Forme ya Sisiyete Sivile y'u Rwanda